# 62: Mu gihe cyo gusenga, amase ngesho yacu

1.

Mu gihe cyo gusenga, amase ngesho yacu Agera kure cyane, atambuka n'inyenyeri. Umutima w'umuntu ujy' imbere y'Imana, Ugakomang' urugi, Ushaka kureb' Imana.

2.

Nta mahoro yuzuye twabona mur' iyi si, Kwa Data ni ho gusa hasenderey' amahoro. Umutim' uzatuza,N'umucy' uzaba mwinshi, Niba dukurikiye inzira y'amasengesho.

3.

Ndetse n'umwana muto uzi gu seng' Imana, Nta bw' azagir' ubwoba, azafashwa no gusenga.Kandi nti twibagirwe yukw aho tujya hose, Yuko gusenga kwacu kugera ku Mana Data!

Visit us at indirimbo.com